Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Ibyahindutse mw'Itegeko rigenga abanyamahanga guhera ku 1.6 - ingaruka ku bakiriya bahawe ubuhungiro bwo kurindwa mu rwego mpuzamahanga.

Itegeko rigenga abanyamahanga guhera ku wa 1.6.2025 rizahinduka. Iryo hinduka rishobora kukugiraho ingaruka niba usaba ubuhungiro cyangwa se waremerewe muri Finilandi ubuhungiro bwo kurindwa mu rwego mpuzamahanga. Itegeko rishya ryubahirizwa ako kanya rikimara guhabwa agaciro.

## Inyandikomvugo y'ibazwa ry'usaba ubuhungiro ishobora mu bihe biri imbere kuzajya isuzumwa ibice

Guhera ku wa 1.6. Inyandikomvugo y'ibazwa ry'usaba ubuhungiro ntigikenewe gusuzumwa yose uko yakabaye. Ibi bisobanuye ko, umukozi w'Ikigo cya Leta gishinzwe abinjira n'abasohoka (Imigarasiyo) adategetswe gusubiranamwo na we inyandikomvugo y'ibazwa yose mu gihe cy'ibazwa ry'usaba ubuhungiro. Ibi birondereza igihe kandi bikihutisha igihe cy'isuzuma ry'ubusabe bw'ubuhungiro kandi nk'uko n'umukiriya abyifuza.

Amabazwa azakomeza kujya afatwa amajwi. Iyo mudasuzumiye hamwe inyandikomvugo yose n'umukozi ukubaza, uhabwa itariki ntarengwa yo kohereza inyongera cyangwa ibyo wakosoye mu nyandikomvugo.

## Ntushobora kujya mu gihugu ukomokamwo ugendeye ku gatabo k'inzira cyangwa pasiporo ihabwa impunzi

Nk'uko mu mpinduka z'itegeko bigaragara, muri rusange ntushobora kujya iyo ukomoka, ni ukuvuga mu gihugu ufitiye ubwenegihugu cyangwa n'icyo wari usanzwe ubamo ugendeye ku gatabo k'inzira cyangwa pasiporo ihabwa impunzi.

Iri hinduka rifite ingaruka kuri wowe, iyo

- uri impunzi yaje yaratoranijwe mu bemererwa mu mibare igenwa
- wahawe ubuhungiro
- ufite ubuhungiro hashingiwe ku zindi mpamvu zo kukurinda
- ufite uruhusa rwo kuba mu gihugu hashingiwe kw'isano y'uwo musangiye umuryango, ukaba waranahawe ndetse n'ibyangombwa byo kukurinda mu gihe wahabwaga icyemezo kikwemerera kuba mu gihugu
- ufite ubuhungiro bushingiye ko wangiwe gusubizwa iwanyu (ingingo ya 89 y'itegeko rigenga abanyamahanga -UlkL- ishingirwaho mu nyito z'impusa zitangwa).

Ushobora guhabwa na Imigarasiyo icyangombwa kiguha uburenganzira bwo kujya mu gihugu ukomokamwo hashingiwe ku mpamvu zidasanzwe kandi ziremereye. Urugero rw'izo mpamvu ni nk'igihe hari mwene wanyu wa hafi urwaye bikomeye cyangwa kujya gusaba

ubutane n'uwo mwashakanye. Soma birambuye ku rubuga Pakolaisen matkustusasiakirja na Muukalaispassi.

### Iyo uzindukiye mu gihugu ukomokamo, Imigarasiyo ishobora kubifata nk'aho utagikeneye uburinzi bwo mu rwego mpuzamahanga

Itegeko rigenga abanyamahanga ryanditsemwo ko, iyo ufite ubuhungiro nk'impunzi cyangwa harashingiwe ku kindi cyatumye wemererwa kurindwa mu rwego mpuzamahanga, ushobora gusabwa gusobanura impamvushingiro z'urugendo mu gihugu cyawe mu nzira yo gusuzuma iseswa ry'ubuhungiro bwo kurindwa mu rwego mpuzamahanga.

## Ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyo kubuzwa kwinjira rizarushaho kujyana n'icy'iyirukanwa mu gihugu.

Nk'uko mu mpinduka z'itegeko bigaragara guhera ku wa 1.6. ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyo kubuzwa kwinjira cyangwa kwirukanwa mu gihugu bizagenda umujyo umwe ku birebana n'ubuhungiro butangwa mu rwego rwo kurinda umuntu mu buryo mpuzamahanga, kandi bitandukanywe mu mategeko n'ibirebana n'izindi mpusa zo kuba mu gihugu.

Ushobora gufatirwa icyemezo cyo kwirukanwa niba nk'urugero warigeze kuba muri Finilandi ufite uruhusa rundi rukwemerera kuhaba nyuma ugahabwa icyemezo kikwima ubuhungiro wari wasabye.

Icyemezo cyo kukuvana mu gihugu bisobanura ko, ugomba kuvanwa muri Finilandi, nk'uko icyemezo kibigena. Umuvuduko w'ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyo kuvanwa mu gihugu uterwa, nk'urugero, iyo byemejwe ko ubusabe bwawe bugaragara ko budafite ishingiro cyangwa iyo bwanzwe butanasuzumwe. Polisi niyo ifite inshingano y'ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyo kwirukanwa mu gihugu.

Soma birambuye ku rubuga Pakolaisaseman ja toissijaisen suojeluaseman peruuttaminen na Käännyttäminen, karkottaminen ja maahantulokielto.

## Ushobora guhabwa ukurindwa mu bundi buryo butari ubwo guhabwa ubuhungiro mu gihugu, iyo ukoze irindi saba ry'ubuhungiro ushingiye ku mpamvu wowe ubwawe wivugira

Ushobora guhabwa ukurindwa mu bundi buryo butari ubwo guhabwa ubuhungiro mu gihugu, iyo ukoze irindi saba ry'ubuhungiro ushingiye ku mpamvu wowe ubwawe wivugira ko zabaye nyuma y'uko wahunze igihugu uvukamo cyangwa waravuye mu gihugu wabagamwo.

Kwemererwa kurindwa ushobora kubihabwa iyo utujuje ibisabwa ngo ube wahabwa ubuhungiro. Soma birambuye ku rubuga Uusintahakemus na Toissijainen suojelu.